

# MWIGISHA

## Umukangurambaga w'Ukwemera

Umwaka wa VIII, N° 38 Gisohoka buri gihembwe: Mata - Kamena 2018


# *ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA 2018*

## IJAMBO RYA NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI FILIPO RUKAMBA MU GUSOZA ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA

### *IJAMBO RY'IBANZE*

Bakristu bavandimwe,

Uyu mwaka twongeye kwizihiza Icyumweru cy'Uburezi Gatolika. Umuntu yakwibaza ikiba kigamijwe iyo tukizihiza kuva ku rwego rw'ishuri kugeza ku rwego rw'igihugu. Icyumweru cy'Uburezi Gatolika, kigamije kudufasha kuzirikana ishingiro n'umwihariko by'uburezi dutanga. Yezu ati" Nimugende mwigishe amahanga yose….(Mt 20, 19). Mu gusohoza ubwo butumwa mu mashuri, Kiliziya itanga uburere n'uburezi bishingiye kuri Yezu Kristu, wavukiye mu rugo rutagatifu rw'i Nazareti akaba n'urugero nyakuri rudashidikanywaho Imana yashatse ko buri murezi, buri mubyeyi yareberaho kugira ngo arere ukura, arere muntu wuzuye. Ishuri Gatolika risohoza ubutumwa ryahawe iyo ritanga inyigisho itera inyota abana turera bagahora baharanira guhora bisumbura mu bwenge no mu bumenyi bahabwa, bakarangwa no gushakashaka Imana. Umurezi nyawe wumva neza umuhamagaro we, atoza abana ashinzwe indangagaciro z'ubumuntu. Icyumweru cy'uburezi Gatolika kiduhuza n'abo dufatanya bose, tukibukiranya inshingano za buri wese n'akamaro ko gutahiriza umugozi umwe.

By'umwihariko, ndasaba ko mu mashuri yacu twakongera kwita by'umwihariko ku burere mbonezamutima butangirwa mu isomo ry'iyobokamana no gushinga imiryango y'Agisiyo Gatolika aho itari, mukayumva mu buryo bwagutse: Abasaveri, abaskuti, abalegio, amakorali, ivugururwa muri Roho Mutagatifu…kuko ari uburyo bwo gutegura umukristu w'ejo, witoreje mu ishuri Gatolika kuzuza neza inshingano ze. Iyo miryango, iyo iri mu ishuri ikora neza, ifasha abayirimo n'ishuri ryose muri rusange.

**+ Smaragde MBONYINTEGE**
**Umushumba wa Kabgayi**

Nyakubahwa Ministri w'Uburezi,
Ba Nyakubahwa Bepiskopi,
Bayobozi b'ingeri zose,
Babyeyi, barezi,
Banyeshuri mwese muri hano,
Bavandimwe

Imyaka ibaye cumi n'umwe (2008-2018) twizihiza icyumweru cy'uburezi Gatolika. Nifuzaga gutangira iri jambo nibutsa zimwe mu mpamvu zatumye dutekereza kuri iki cyumweru cy'uburezi dukorera mu mashuri yose ya Kiliziya Gatolika, mu maparuwasi kimwe no mu madiyosezi yose tukagisoreza ku rwego rw'Igihugu aho duhura n'abo dufatanije kurera yaba Leta, baba abaterankunga, ababyeyi, abarezi n'abanyeshuri. Aha ndagaruka ku mpamvu eshatu z'igenzi:Icyumweru cy'uburezi gatolika kigamije kudufasha guhora twiyibutsa ishingiro n'umwihariko w'uburezi dutanga. Koko rero, Uburezi Gatolika bushingiye kuri Yezu Kristu we uduha



*Abepiskopi na Minisitiri w'uburezi mu birori byo gusoza icyumweru cy'uburezi Gatolika i Kigali ku rwego rw'igihugu.*

**Ibirimo**


1.**Ijambo ry'ibanze**……………………………………1
Ijambo rya Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo RUKAMBA mu gusoza icyumweru cy'uburezi Gatolika…………………………………………………1-2
3. Ijambo rya Nyiricyubahiro Myr Andrzej józwowicz, intumwa ya Papa mu Rwanda dusoza icyumweru cy'uburezi gatolika ……………..3-4
4. Les nouveaux mouvements catholiques: enjeux et défis pour la pastorale scolaire……………4-5
5. Diyosezi ya KABGAYI yasoje icyumweru cy'uburezi Gatolika ku wa 15/06/2018…………………..6
Ijambo ry'ikaze………………………………………6
6. Ijambo ry'uhagariye Akarere ka Muhanga mu birori byo gusoza icyumweru cy'uburezi Gatolika i KABGAYI……………………………………………7
7. Ijambo rya Minisitiri w'uburezi mu gusoza icyumweru Gatolika i Kigali……………………7-8


urugero rusobanutse kandi rudasubirwaho rw'umuhamagaro wa muntu. Muri gahunda zose, amashuri Gatolika agomba kwibanda ku mubano wihariye na Yezu Kristu no guhamya nk'umuryango umwe ubutumwa bw'Ivanjili y'urukundo rw'Imana n'abantu. Nguko uko muri iki cyumweru twiyibutsa ko amashuri akwiye kutuganisha ku mukiro Yezu Kristu atanga by'umwihariko aruhura abakene n'ababaye. Ni yo mpamvu amashuri Gatolika agomba kwitwararika ibiyaranga ashyiraho gahunda, inzego n'ingamba byo kuyafasha kurushaho kuba indashyikirwa mu buzima no mu bikorwa bya buri munsi. Aha akita

*Komeza ku rup.* 2

"Nimukomera ku Ijambo ryanjye muzaba mubaye abigishwa banjye by'ukuri" (Yh 8, 31)

Wondershare PDF Editor

# IJAMBO RYA NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI FILIPO RUKAMBA MU GUSOZA ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA

*Ibikurikira urup. 1*

cyane kuri roho, ubwenge, umubiri, imitekerereze, imibanire y'abantu, imyitwarire n'imyemerere bya buri mwana kugira ngo arere umuntu wuzuye. Abana turera tugomba kubaremamo inyota y'ubuhanga n'ukuri, guharanira ubutungane, kugira ubushake bwo guhora biga, ubushobozi bwo kumenya n'ubutwari bwo guhitamo ikiza no kwamagana ikibi hakoreshwe indangagaciro z'Ivanjili. Icyumweru cy'uburezi Gatolika kandi kidufasha kwicarana nk'umuryango tukareba ibibazo byugarije uburezi muri iki gihe turimo ndetse tukigira hamwe ibisubizo bikwiye. Kiliziya ntihwema gukora iyo bwabaga ngo itange umuganda wayo. Icyakora byose birasaba ubufatanye n'uruhare rwa buri wese.

Ni yo mpamvu nifuza kuvuga ku bibazo bimwe na bimwe byugarije uburezi muri rusange:

- Hari ikibazo cy'abana b'abakobwa baterwa inda ndetse n'icyabanywa ibiyobyabwenge. Turasaba ko mu mashuri Gatolika yose hajyaho abantu bagamije kumva abana (counselors) cyangwa se bitashoboka hakaba amatsinda y'abarimu bashobora kubagira inama batega amatwi. Hari byinshi abana bacu bafite mu mitima, intimba, ibyishimo n'ibibazo bagenda bahura na byo. Hakenewe abantu babagira inama bakababafasha gukura neza. Turasaba ministeri y'uburezi kureba uko aba bakozi bashinzwe kumva abana bashyirwa mu mashuri; mu kwegera abo bana no kubumva ni ho tuzabonera umuti urambye w'ibibazo byinshi tubona.

Kiliziya ntizahwema kandi gufatanya na Leta ndetse n'ababyeyi muri gahunda yo kwagura amashuri, kungera ibyumba no gusana ashaje. Turasaba komite za caritas hirya no hino gukorana cyane na komite zishinzwe uburezi Gatolika mu miryango remezo n'amaparuwasi mu kwita ku bana bakennye cyane bari mu mashuri kugira ngo aho bishoboka bajye bafashwa kubona ifunguro n'ibindi bikoresho bityo babashe kwiga neza. Icyumweru cy'uburezi kandi kiduha umwanya wo kongera gutekereza ubufatanye bukwiye muri iki gikorwa cy'uburezi. Kuvuga uburezi ni ukuvuga ikintu kiruhanya kandi cyiza, nta gihe kurera byigeze byoroha, ababyeyi benshi, abarezi n'abantu bose bafite uko bashinzwe urubyiruko barabizi, ntibyoroshye guha umuntu uburere buhamye butuma ashobora kugira akamaro kandi afatanije n'abandi, kumva no kumenya icyerekezo aha ubuzima bwe. Birakwiye rero ko twubaka ibiraro biduhuza twe twese dufite uruhare ku burezi.

- Mbere na mbere turashishikariza ababyeyi kuba hafi abarezi muri iki gikorwa. Ababyeyi bangomba kwibuka ko ari bo shingiro ry'uburezi bukwiye. Birakomeye ko indangagaciro umwana ataherewe mu muryango yazakira ku buryo bworoshye ku ishuri. Babyeyi tuzi ko muri iki gihe mugoswe na byinshi (imirimo, amashuri, gushaka imibereho n'ibindi) ariko mwibuke ko ari mwe barezi b'ibanze b'abana banyu kandi ko ntawabasimbura.

- Abandi dushishikaza by'umwihariko ni mwebwe abanyeshuri. Banyeshuri, bana bacu, turabasaba dukomeje ngo mwemere kurerwa! Kwemera kurerwa mbere na mbere ni ukugira imyitwarire myiza (discipline). Amategeko amashuri ashyiraho ntabwo aba agamije kubagirira nabi. Aba abifuriza icyiza. Kubatota, kubakangara duhora dukora, bigamije kubafasha gutekereza no gukurikira inzira iboneye. Umwana uzi ubwenge bamusiga yinogereza. Namwe nimushyireho akanyu. Mwige kureba: mubone ibibazo mufite, mubone amahirwe abakikije, mubone icyo tubasaba, mubone icyiza tubifuriza. Mwige gutekereza neza, mushyire umwete mu byo mukora kandi mwumve ko mugomba gutanga umuganda wo kubaka igihugu na Kiliziya. Mwige gukora neza imirimo mushinzwe kugira ngo mumenyere kuzagira umurimo unoze mumaze gukura. Biratubabaza kubona abana b'abakobwa b'abanyeshuri batwara inda, biratubabaza kubona urubyiruko rwishora mu biyobyabwenge, biratubabaza kubona urubyiruko rudashaka gukora, biratubabaza kubona urubyiruko rugira urugomo, rusinda cyangwa rukora ibindi bibi. Ubuzima bwanyu buri mu maboko yanyu, muburinde kugira ngo mukure neza.

- Nyakubahwa ministri, muri uku gutekereza ubufatanye, twishimira intambwe igaragara tugezeho mu gikorwa cy'uburezi. Turifuza gufatanya na Leta kugira ngo tuzamure ireme ry'uburezi cyane cyane mu bijyanye n'indimi na siyansi n'ubumenyi ngiro. Tubijeje inkunga yacu igihe cyose muzadukenera.

Ariko nk'uko twanabivuze ikindi gihe biradukomerera gufatanya nta masezerano y'imikoranire ahari (convention). Nta kabuza byica uburezi. Ibibazo ibura ry'aya masezerano biteza byigaragaza cyane cyane mu nzego z'ibanze nk'uturere n'imirenge, aho tubangamirwa no kutumvwa, imikorere mibi mu gushyira abarezi n'abayobozi mu myanya mu mashuri; kutumva agaciro k'icyumweru cy'uburezi Gatolika n'ibindi.

Nyakubahwa ministri,

Bepisikopi,

Banyakubahwa mwese,

Uyu mwaka twebwe abepisikopi Gatolika twageneye uyu mwaka kuzirikana ku bumwe n'ubwiyunge! Twifuje ko « *intambwe ishimishije y'ubwiyunge tumaze gutera twayikomeza : twiyunga n'Imana, twiyunga natwe ubwacu, tukiyunga n'abavandimwe bacu dufite icyo dupfa, tukiyunga ndetse n'ibidukikije* ». (**Ibaruwa Abepisikopi Gatolika bandikiye abakristu mu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge, n°30**)! Turifuza ko ishuri ryatanga umuganda uhamye muri uwo murongo wo kubaka ubumwe. Ni yo mpamvu insanganyamatsiko yacu igira iti "Muri uyu mwaka w'ubumwe n'ubwiyunge muri Kiliziya, ishuri ryacu niribe igicumbi cy'urukundo n'imibanire myiza".

Mu gihugu cyaranzwe n'urwikekwe n'amakimbirane ndetse na Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994, ishuri Gatolika rigomba gukora ibishoboka byose kugira ngo ryubake icyizere n'ubufatanye hagati y'abayobozi, abarimu n'ababyeyi kimwe n'abana barerwa. Bityo abana bakazakura babohotse ku rwikekwe n'urwango. Ibi bizashoboka buri wese yita ku kumva mugenzi we, kumwakira uko ateye no kumuba hafi mu mibabaro ye, kubaka imibanire ishingiye ku mbabazi no ku kwita ku nyungu rusange kurusha ku kwireba no kwihugiraho.

Ndashaka kurangiza iri jambo nshimira Ministri na ministeri ahagarariye. Ndabashimira cyane Nyakubahwa Ministre kuba mwarongeye guha agaciro isomo ry'iyobokamana mu mashuri yose kandi rigatandukanywa n'andi masomo. Turabashimira icyemezo Ministeri yafashe cyo gushyigikira abana biga bataha mu kubabonera ifunguro rya saa sita. Twishimiye kandi gahunda yo gukuraho double vaccation ministeri yatangiye. Birakwiye ko yihutishwa kuko iri muri bimwe mu byatuma ireme ry'uburezi rigenda neza.

Turasaba ko ministeri yaha imbaraga amashuri y'incuke mu gihugu cyose cyane ko tubona ko ategura neza abana ariko ababyeyi bakaba batihagije mu kubaka ubushobozi bwa yo mashuri hose mu gihugu. Twongeye kubasaba kandi ko ingengabihe y'umwaka w'amasomo yahinduka kuko ibangamiye abana ndetse n'ababyeyi cyane cyane ibirebana no kwiga mu cyi kuko bifite ibibazo byinshi.

Ndashimira mwe mwese mwitabiriye ibi birori, ndashimira abagize uruhare ku itegurwa ryabyo, ndashimira abana bacu biga neza nkizera ko imigambi twafashe muri iki cyumweru cy'uburezi hirya no hino mu madiyosezi izadufasha gukomeza kuba indashyikirwa muri byose.

Ndangije mbaragiza Imana Data umubyeyi wacu. Umubyeyi Bikira Mariya, umwamikazi wa Kibeho ababe hafi kandi abafashe.

Murakoze.

Wondershare PDF Editor

# IJAMBO RYA NYIRICYUBAHIRO Myr ANDRZEJ JÓZWOWICZ, INTUMWA YA PAPA MU RWANDA DUSOZA ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA

ba Nyakubahwa mwese muteraniye hano,
**Yezu Akuzwe!**
Njya nshimishwa cyane n'uko mu Rwanda, amashuri Gatolika ari hose mu gihugu, uyasanga mu mijyi ndetse mu byaro bya bindi bya kure, mu duce dutuwemo cyane n'abagatolika kimwe n'utwo abagatolika ari mbarwa. Nyamara muri ubwo budasa butandukanye, nishimira ko amashuri Gatolika **agize hafi kimwe cya kabiri cy'amashuri yose ari mu gihugu,** avugwa neza hose kandi atanga uburezi bufite ireme bwaba ubusanzwe ndetse cyane cyane ubwa gikristu kandi agakora uko ashoboye kugira ngo hatagira umwana n'umwe uyahezwamo.
Nk'uko Nyirubutungane Papa Fransisko yakunze kubigarukaho kenshi, « ntawavuga uburezi Gatorika ngo asige inyuma ubuntu (ubumuntu) kubera ko abagatorika twese duhuriye ku kwigira umuntu kw'Imana. Iyo twigisha imyitwarire yuje indangagaciro z'ubumuntu, tuba duhaye imbuto y'ubukristu aho kurumbukira. Nyuma y'aho hakazaho ukwemera. Kurera gikristu ni ugufasha abakiri bato kandi bo mu mibereho itandukanye gukurana indangagaciro nziza zirimo iyo kumva ko twese dufite uwo dukomokaho umwe, maze bigatuma turenga ibyo guhihibikanira iby'isi, tukinjira mu byo gutunganya roho yacu nk'uko Umuremyi abitwifuzaho. Muri iki gihe, abantu baragenda barushaho kwita gusa ku bituma babaho mu buzima bworoshye, bagashimishwa gusa n'ibyo batunze, ibyo bashaka kureba, ibyo bashobora gufata no kumva batitaye na busa ku Mana yabaremye.
**Barimu, barezi, banyeshuri nkunda ,**
Mu mitekerereze ya Papa Fransisko, nk'umukristu, asanga ikibazo gikomeye cyane kiri mu burezi ari ugushaka kwifungirana gusa mu buryo bw'imyigishirize butuma uburere nyobokamana butitabwaho namba. Dore uko abivuga, ati « nitwibagirwa Uwaduhanze, ntidushobora no kugira umutima uboneye utuma dutekereza ibirenze iby'iyi si dutuye ku buryo bujyanye n'ubwenge bwacu, bityo uburezi n'uburere byacu bizahora bicagase »
Uburezi ntibushobora gufata impu zombi nk'uko abategeka iyi si babishaka, kuko icyo gihe bushobora kuba bwiza cyangwa bubi, bukagira icyo bwungura ababuhawe cyangwa bukabasiga hanze, bugatuma umuntu akura cyangwa bukamujyana ahaga nk'uko bushobora no kumwoshya. Nimwibuke ko burya mu burezi ikintu cy'ingenzi cyane ari uko **gutsindwa mu byo wikoreye wowe ubwawe biruta gutsindana umugayo.** Iyo urebye uko uburezi buhagaze mu bihugu bitandukanye, ntiwabura gutekereza ko uburezi buvangura abana cyane ku buryo usanga kwiga bigenewe ab'abahanga gusa. Birasa nk'aho abana bafite iwabo bifashije cyangwa se bajijutse ari bo bonyine bemerewe kwiga. Ngaho ahantu hateye



*Myr intumwa ya Papa mu Rwanda*

isoni isi yacu igeze! **Ubuzima buri hanze aha buraganisha abantu ku ivangura, aho kubafasha kwegerana ahubwo burabatandukanya cyane, butandukanya abakire n'abakene, bugatandukanya abantu bishingiye ku muco…**
Papa akomeza agira ati « Muri iki gihe turimo, isi ikeneye uburezi butuma umwana avumbura; kubugeraho birasaba kutibanda gusa ku kugendera ku myigishirize ikurikiza uburyo ubu n'ubu bwo kwigisha bwagenwe kuko ibyo byamaze kugaragara ko nta musaruro byatanga muri iyi si irangwa no guharanira inyungu umuntu atitaye ku bandi, bituma agengwa n'ubwenge n'ibiri mu mutwe we gusa. Ibi bigomba guhagarara. »
**Barimu, barezi** nkunda,
Dore icyo Papa ashaka kutwigisha : « Tugomba kuvumbura, tugahindura imikorere…**Hari imvugo eshatu : Imvugo y'umutwe, imvugo y'umutima, imvugo y'ibiganza. Uburezi bugomba kugendera kuri izo nzira uko ari eshatu. Gutoza abana gutekereza, kubafasha kumva no kubafasha gushyira mu bikorwa ibyo bumvise. Ibyo bivuze ko izo mvugo uko ari eshatu zigomba kuzuzanya kugira ngo zifashe umwana ukiri muto gutekereza ku byo yumva n'ibyo akora, yumve ibyo atekereza n'ibyo akora kandi atekereze ibyo yumva.** Icyo gihe ni bwo buzaba uburezi butavangura kuko buri mwana azabwisangamo. Muri iki gihe, intego y'uburezi yaribagiranye. Turashaka gusa abahanga, tugashaka guhitamo abarusha abandi ubwenge cyangwa abakire bafite amafaranga yo kwishyura mu mashuri meza cyangwa muri kaminuza, abatari muri abo tukabashyira ku ruhande**.** Ntibikwiye ko dukomezanya n'ubwo burezi butoranya kuko budatuma abantu babana neza. Natwe butubereye ikibazo. Hakenewe uburyo buha umwanya amasomo yandi atari gusa ya yandi asaba ubuhanga buhambaye, nk'imyuga, siporo, n'andi nk'ayo…Ishuri ry'ukuri rifasha abana kwigiramo ibitekerezo, kugira imyitwarire myiza n'indangagaciro ziboneye. Iyo ishuri ridashoboye guha abana ibyo bintu byose icyarimwe, iryo shuri rigirira akamaro bake rigaheza benshi.
Banyeshuri mwiga mu mashuri Gatolika,
Papa Fransisko arabibutsa ko kujya ku ishuri bijyana no kumenya imiterere y'isi ariko cyane cyane kuyirebamo ibyiza. Ishuri ribafasha kumva neza ubuzima mubayemo. Mu myaka ya mbere, mwiga ibintu by'ingenzi, mukabishyira ku mutima maze buhoro buhoro mukagenda mucengera ibyo mwahisemo kugeza ubwo mugira ikintu kimwe mubamo inzobere. Ariko burya iyo umuntu yize kwiga, ni bwo aba yabonye uburyo bwo kubigeraho kandi ibyo azabihorana igihe cyose, bimufashe guhora ari umuntu ubona ibintu byose uko bigomba kubonwa.
Barimu, barezi nkunda,
Mbere ya byose, ni mwe ba mbere mugomba kubona isi uko iri no kugira ubushake bwo guhora mugira icyo mwungura ubumenyi bwanyu. Birumvikana ko niba umwarimu adashishikajwe no kugira igishya amenya ataba ari umwarimu mwiza, nta n'ubwo abanyeshuri burya bamwishimira. Abanyeshuri bakurikirana buri kantu kose, bagashimishwa n'abarimu babaganiriza, ba bandi bahora bashaka kugira igishya babungura kandi bagaharanira ko abo bigisha na bo bagira imyitwarire n'imitekerereze nk'iyo. Ibyo ni byo bituma abana bakunda ishuri.
Papa avuga ko ikindi kintu gituma abana bakunda ishuri, ni uko bahahurira n'abandi, ishuri ntiribe nk'ahantu imodoka zihagarara gusa ahubwo ahantu abana bahurira kugira ngo bafate inzira imwe. Ku ishuri ni ho hava ubucuti, ni ho abarimu bahurira ni n'aho abakozi bose bahurira. Ababyeyi bahahurira n'abarimu, abayobozi b'ishuri bahahurira n'imiryango,…Muri iki gihe, dukeneye cyane uwo muco wo guhura kugira ngo tumenyane kurushaho, dukundane kandi dufatanye urugendo. Ibi byose bigenda bihindura byinshi ku mikurire y'abana no ku

Komeza ku rup. 4

Wondershare PDF Editor

# IJAMBO RYA NYIRICYUBAHIRO Myr ANDRZEJ JÓZWOWICZ, INTUMWA YA PAPA MU RWANDA DUSOZA ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA

Ibikurikira urup. 3 miryango yabo.

Babyeyi b'abana,

Nimwe bafatanyabikorwa ba mbere b'ishuri mu burezi bw'abana banyu. Mu muryango ni ho hatangirira ubusabane : ubusabane hagati y'umugabo, umugore n'abana bukaba umusingi kandi bukaturanga ubuzima bwacu bwose. Ariko ku ishuri ni ho dutangira kwiga kubana n'abandi kuko tuhahurira n'abantu batandukanye natwe, mu myaka, mu mico, mu nkomoko no mu bushobozi. Ishuri ni ryo sosiyete ya mbere ihuza imiryango. Umuryango n'ishuri biragendana kandi bikuzuzanya. Ni yo mpamvu biba bikenewe ko bikorana neza kandi mu bwubahane. Imiryango ifite abanyeshuri biga mu mwaka umwe ishobora kugera ku bintu bihambaye iramutse ikorana neza n'abarimu babo. Ibi bitumye nibuka umugani umwe w'abanyafrika ugira uti « uburere bw'umwana busaba umudugudu ». « Kugira ngo umuhungu cyangwa umukobwa bagire uburere bwiza bisaba abantu benshi : umuryango, abarimu, n'abandi benshi bangana n'abaturage bose batuye umudugudu »

Mu gusoza, ndagira ngo nongere nibutse ko ishuri atari ahantu dukura ubumenyi gusa, ahubwo tunahigira imyitwarire ikwiye kimwe n'imigenzereze myiza. Kiliziya, igihugu n'isi yose bibatezeho ejo hazaza heza mubikesha ibyo mwiga. Mwese uko muri hano, ababyeyi, abarimu, abantu mwese mukora mu by'uburezi namwe banyeshuri, mbifurije kwera imbuto nziza zijyanye n'ubwitange bwanyu no kunyura mu nzira nziza izatuma ubuntu busakara ku isi mu buryo buhuje n'umugambi w'Uwayiremye.

Mwese uko muri hano mbasabiye umugisha, mbifuriza kwera imbuto nziza kandi Nyagasani abasenderezeho ingabire ze.

**Imana Ibahe mwese Umugisha!**

# LES NOUVEAUX MOUVEMENTS CATHOLIQUES: ENJEUX ET DEFIS POUR LA PASTORALE SCOLAIRE

Monseigneur l'Evêque de Kabgayi dans sa conférence tenue à Butare le 10 Juillet lors du colloque international sur la Religion et défis actuels de l'école, exhorte les directeurs, enseignants et prêtres au service des écoles catholiques, à redynamiser les Mouvements d'Action Catholique dans nos écoles; parce qu'ils constituent une réponse pastorale aux défis que nous rencontrons dans l'encadrement des jeunes. Les acquis de la semaine de l'Education catholique devraient se perpétuer par le biais des Mouvements d'Action Catholique.

l. Les opportunités et les défis pour la pastorale catholique scolaire

En pensant au titre de la conférence qui m'a été proposé, j'ai cru mieux de l'envisager en terme de la pastorale scolaire en général basée sur la catéchèse ou cours de religion, sur les différents mouvements chrétiens d'actualité et sur l'encadrement chrétien des écoles tout court, cela dans notre Eglise au Rwanda. Une considération basée uniquement sur les mouvements si nouveaux soient-ils ne suffiraient pas. C'est plutôt dans un concours de possibilités multiples que la pastorale catholique met à notre disposition et non seulement dans les mouvements d'Action Catholique qui sont utiles mais pas suffisants.

Les missionnaires qui nous ont précédés ont mis l'accent sur les écoles comme une priorité pastorale incontournable pour l'implantation de l'Evangile au Rwanda. Nous sommes les héritiers de ce choix, et je crois qu`il est temps maintenant de reconsidérer les enjeux de la pastorale scolaire catholique au moment qui prévaut aujourd'hui. C'est ce qu,il faut attendre de ce colloque.

2**. Les différentes catégories d'écoles s'offrent à nos engagements pastoraux comme Eglise Catholique: les attentes inassouvies**:

a. Ecoles privées catholiques

b. Ecoles conventionnées catholiques souvent tenues par les religieux ou les religieuses

c. Les écoles chrétienne d'autres confessions

d. Les écoles publiques (de l'Etat)



*Les participants au colloque international sur la Religion et défis actuels de l'écolequi s'est tenu à Butare du 8-12/7/2018.*

e. Les écoles tenues par les laïcs sans appartenance confessionnelle

f. Les universités privées laïques et Université du Rwanda

g, Les universités catholiques

A toutes ces catégories d'écoles, qui contiennent d'une manière ou d'une autre nos ressortissants catholiques, nous avons le droit et le devoir d'entretenir une approche pastorale appropriée à chaque catégorie d'école_ Existe-t-elle? (c'est à mon avis le rôle d'un tel colloque de nous y pencher sérieusement et concretement malgré les multiples défis.

**3. Les nouveaux mouvements catholiques dans les écoles: opportunités et défis pour la pastorale**

Au niveau national nous n'avons aucune concertation ou action commune pour développer une pastorale nationale d'atteindre ces différentes écoles.

En principe, nous avons le droit reconnu par le gouvernement rwandais de faire des cours de re-

Komeza ku rup. 5

PDF Editor

# LES NOUVEAUX MOUVEMENTS CATHOLIQUES: ENJEUX ET DEFIS POUR LA PASTORALE SCOLAIRE

*Ibikurikira urup. 4*

ligion: à nos ressortissants confessionnels et de leur faire un encadrement chrétien adéquat. Mais je ne crois pas que ce serait une erreur de ma part en disant que jusqu'à maintenant nous ne sommes pas à la hauteur de cette tâche. Certaines écoles nous échappent pour plusieurs raisons : notre manque de personnel d'encaclrement, manque de moyens matériels pour soutenir une telle pastorale ou une certaine hostilité a notre approche pastorale que l'on peut rencontrer dans l'une ou l'autre école.Chaque diocèse ou paroisse se débrouille comme il le peut en assurant une messe dominicale ou un cours de religion ici et là.

Mais hélas les mouvements d'action catholiques sont laissés à l'initiatives des éleves ou tout simplement ignorés.

**4. Ce que nous essayons de faire dans le Diocese de Kabgayi**

Dans le Diocèse de Kabgayi, pour les écoles privées ou conventiomiées, tenues par les religieux, un minimum d'encadrement pastoral est assuré par la visite de l'Evéque une fois par an. Cette visite pastorale a pour but de célébrer la fête de l'école où les parents sont invités et nous voulons que l'éducation que nous donnons soit l'oeuvre des éducateurs- professeurs, des parents et des étudiants ensemble, chacun dans son rôle.

Cette journée d'échange et de réflexion a pour nous une grande valeur de promotion de l`Education chrétienne où les valeurs chrétiennes sont mises en relief et où les trois partenaires, ci-haut: cités, chacun y a son rôle à jouer ou sa part à apporter. Ces rencontres constituent pour nous des occasions propices d'approfondir et de concrétiser les acquis de la semaine nationale de l'éducation catholique que nous apprécions beacoup. Avec ces rencontres annuelles nous nous situons comme Ecole Catholique dans le champ de l'éducation au Rwanda. ldentité de l'Ecole catholique, les cours de religion, les messes dominicale et les mouvements d'action catholique devraient entrer dans nos priorités pastorales comme Eglise Catholique au Rwanda.

**5. Les communautés catholiques**

Dans les écoles autres que catholiques, il existe un accord clair ou tacite qui permet à nos agents pastoraux, catéchistes ou prêtres de la paroisse, de venir assurer certaines animations pastorales.

Dans ces écoles, aussi bien que dans les écoles non confessionnelles, se trouve ce que nous appelons les "communautés catholiques". Ce sont des mouvements scolaires catholiques à promouvoir ou à crèer là où elles ne sont pas. Là où elles fonctionnent bien elles sont appréciées pour promouvoir l`ordre et la discipline dans les écoles. C'est un véritable haut lieu d'activités pastorales catholiques multiples. Ici et là, elles travaillent dans les conditions parfois hostiles, d'autres fois indifférentes. Nous avons des écoles qui vont très bien et mieux avec le système des communautés catholiques à Shyogwe, près de l'Eglise Anglicane, à Remera-Rukoma, près de l'Eglise Presbytérienne ; et les écoles de Butansinda, en paroisse de Kigoma. Derrière ces différentes communautés catholiques qui vont mieux se trouvent un agent pastoral, prêtre ou catéchiste, ou encore un enseignant chrétiennement engagé.

Certaines communautés catholiques sont bien organisées: elles ont des aumôneries avec: des initiatives pastorales provenant d'elles-mêmes. Le Groupe Scolaire de Shyogwe et celui de Remera-Rukoma jouissent d'une longue tradition et elles ont même produit des vocations sacerdotales ou religieuses, grâce à la vivacité des mouvements d'action catholique avec des initiatives soutenues par les aumôniers.

Quand on parle des mouvements d'Action catholique ici il faut dépasser l'usage classique et y intégrer les chorales, les groupes vocationnelles, les comnumautés ecclésiales de base internes et d'autres organisations sous le chapeau de la communauté catholique .

A Gitwe, site adventiste de la stricte observance, après la construction de la chapelle Saint-Paul, faite à la demande de la communauté catholique du lieu, emerge une communauté vivante qui est arrivée a s'imposer malgré les conditions hostiles dans lesquelles elle a commencé. La paroisse de Karambi est parvenue à en faire une centrale à part des étudiants catholiques du secondaire et de l'Université de Gitwe qui intègre même les professeurs et agents de l'Hôpital catholiques.

Notre objectif dans un proche avenir est de trouver une aumônerie détachée du reste de la paroisse, pour suivre davantage non seulement la communauté catholique de Gitwe, mais aussi les autres écoles de la paroisse de Karambi.

**6. Plaidoyer pour interventions pastorales urgentes des écoles dite "9YBE" et "12YBE":**

**Les groupes scolaires ou écoles fondamentales**

Ces écoles conventionnées confessionnelles ou publiques méritent notre attention particulière, Pour nous, comme Eglise Catholique, nous constatons que le nombre d'étudiants catholiques a fort diminué dans nos écoles privées ou conventionnées, mais il reste supérieur dans les écoles fondamentales au niveau du tronc commun et des sections. La raison est que ce sont des écoles qui coûtent moins cher, Pour les parents cela est un soulagement. Etant les écoles où les étudiants partent en hâte le matin pour rejoindre l'école, parfois faisant une longue distance, ils rentrent le soir aussi pressés que le matin.

Même s'il nous manque du personnel à affecter à l'accompagnement pastoral de cette catégorie d'étudiants, il n'y a même pas d`espace possible pour le faire. Et dans les week-ends, ils sont chacun chez Soi, d'où l'imppossibilité de pouvoir leur organiser quelques activites pastorales. Mais par ailleurs, le plus intéressant de cette catégorie d'étudiants catholiques, ce sont eux qui sont les plus visibles dans les chorales en paroisses, dans les groupes de servants de messe, dans les forum nationaux ou diocésains , dans les mouvements d'action catholique paroissiaux, surtout les mouvements charismatiques.

Je plaide pour l'encadrement pastoral de ces écoles partout où elles sont. L'avenir de notre Eglise étant dans la jeunesse chrétienne, je vois les ressortissants des écoles connues sous le nom de "9YBE" et "12YBE" une véritable oppoitunité pastorale.

Leur généreuse disponibilité est partout visible à mon avis, mais notre presence pour un encadrement pastorale laisser à désirer.

**7. Pour conclure**

La pastorale scolaire de l'Eglise Catholique au Rwanda devrait étre structurée et profiter des opportunités qui nous sont offertes. Je vois bien le défi dans les moyens en personnel et en finances pour sa réalisation. Mais il suffit d'en faire une priorité pastorale, le reste nous viendra par surcroît.

Trois activités devraient attirer notre attention: le cours de religion à assurer régulièrement, les mouverncnts d'action catholique à promouvoir et les rencontres régulières qui tiennent compte de l'implication des parents, éducateurs et étudiants eux-mémes; sans oublier les messes dominicales à tout prix. Il nous faut entretenir une chaleur de vie chrétienne dans les écoles , le plus possibles dans toutes les écoles en mettant en relief les communautés catholiques suivies et soutenues. L'implication des parents et des éducateurs dans le soutien des valeurs chrétiennes dans l'éducation est à promouvoir dans la pastorale catholique.

**+Smaragde MBONYINTEGE**

**Evéque de KABGAYI**

Wondershare PDF Editor

# DIYOSEZI YA KABGAYI YASOJE ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA KU WA 15/06/2018

Ibirori byo gusoza icyumweru cy'uburezi Gatolika muri Diyosezi ya KABGAYI byabimburiwe n'Igitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Umushumba wa Diyosezi ya Kabagayi, agaragiwe n'abapadiri bashinzwe amashuri Gatolika muri buri Paruwasi.

Mu gitambo cy'Ukaristiya, mu nyigisho ye, Umwepiskopi ati "Ntekereza ku burezi Gatolika no ku ireme ry'uburezi usanga rihangayikishije muri iki gihe, nasanze bihura n'ivanjiri ivuga ngo umwana arakura, ubwenge bukiyongera, yuzuye ubwitonzi, afite n'ubutoni ku Mana. Gukura mu gihagararo, gukura mu bwenge kandi unogeye Imana n'abantu ni zo ngingo zigize ireme ry'uburezi Gatolika.Nubwo tudahita tubugeraho kuko turi abantu, ariko tuzi aho twerekaza, ari nayo mpamvu kwizihiza icyumweru cy'uburezi Gatolika ari ingenzi kugira ngo tuzirikane izo ngingo z'ingenzi uko ari enye: uburere, umutima, ubwenge, ubunogeramana. Iyo kimwe kibuze muri ibyo umwana akura ahengamye ndetse akaba yanagwa. Nk'uko tumaze kubigira akamenyero buri mwaka tuzirikana ku ibanga ry'uburezi. Kurera ni ibanga rikomeye kuko uburezi bwinjiramo abantu benshi b'ingeri nyinshi, kandi kuzashyira mu bikorwa bwa burere wahawe nabyo rikaba irindi. Amasomo matagatifu y'uyu munsi aravuga kuri izo ngeri zose. Iyo umwana atamenyeye Imana ku babyeyi be, ntabwo ashobora kuyimenya cyangwa se akayimenya nabi. Kumenya kwereka uwo urera inzira agomba gucamo akamenya n'uwo agomba kumva kurusha abandi ko ari Imana, ndetse no kumva icyo Imana iguhamagarira cyangwa igutorera. Aho samweli yumvimye umuhamagaro we, Heli yararetse umwana yivuganira n'Imana akora umurimo yatorewe. Babyeyi, mugomba kwibaza ngo umwana wanjye azaba iki? uramushakira iki? ukora iki? Ni iyo mpamvu, kuri iki cyumweru twiyibutsa inshingano zacu nk'ababyeyi, inshingano z'abarezi ndetse n'inshingano z'umwana ubwe.

Bana rero icyo kwizihiza iki cyumweru bibamariye, ni ukubibutsa ko umurimo wo kwiga ni urugendo rw'umuhamagaro urarikiwe mu gihe kiri imbere. Mufite ubutumwa mwahamagariwe kuzuza. Mwumve icyo Imana ibatorera, ibahamagarira, n'ubwo muzabikora. Ntabwo mwarimu ari we uzagushyiramo icyo ugomba kuba cyo. Uguhitamo kwawe kwa buri munsi,ni ikintu gikomeye.Ukamenya kumva, ukaba umwana w'umva nka Samweli. Umuhamagaro wawe uzapfuba cyangwa uzagerwaho bitewe n'impamvu nyinshi uzagenda uhura nazo ariko izambere ni wowe ubwawe. Guhitamo kwawe kwa buri munsi. "Vuga Nyagasani umugaragu wawe arumva." Icyo ni cyo Samweli atwigisha. Ese urumva koko? nimube abana bumva.

Abarezi namwe turarera ariko n'isi irigisha. Mu isi ya none ifite ibibazo bitandukanye, ivuga byinshi kandi bitandukanye . Dufashe rero abana kumenya guhitamo ikiri ukuri muri ibyo byinshi cyangwa muri izo nduru isi ivuza. Kubarinda gutwarwa n'imiyaga y'iki gihe kugira ngo idahuha wa muhamagaro wabo.Turifuza ko abana turera bakura mu gihagararo ntibagwingire, bakura mu bwenge ntibabe injiji, bakura mu bwitonzi nti bakubagane kandi bakanogera Imana n'abantu. »

Nyuma y'Igitambo cy'Ukaristiya, hakurikiyeho ibirori byo guhimbaza uwo munsi: harimo akarasisi, imbyino zitandukanye, imivu-



*Abayobozi b'ibigo by'amashuri byatsinze neza muri 2017 bashyikirijwe icyemezo cy'ishimwe.*

## IJAMBO RY'IKAZE

Mu ijambo ry'ikaze, Padiri KIMENYI NKAKA Jean de Dieu Ushinzwe amashuri Gatolika n'Imyigishirize y'Iyobokamana muri Diyosezi ya Kabgayi, yaragize ati "Uyu munsi wa none twakoraniye hano muri Paruwasi Catedarali ya Kabgayi ngo twizihize kandi dusoreze hamwe Icyumweru cy'uburezi Gatolika muri Diyosezi yacu ya KABGAYI. Ubu turizihiza Icyumweru cy'Uburezi Gatolika ku nshuro ya 11, aho twibanda kandi tukimakaza **uruhare rwa Kiliziya Gatolika mu Gutanga uburere buhamye,** twaherekejwe n'insanganyamatsiko igira iti : '**MURI UYU MWAKA W'UBWIYUNGE MURI KILIZIYA, ISHURI NIRIBE IGICUMBI CY'URUKUNDO N'IMIBANIRE MYIZA."** Mu biganiro n'ibikorwa byaranze iki Cyumweru, twagarutse kuri iyo nsanganyamatsiko twimakaza UBWIYUNGE hagati y'Abanyarwanda muri rusange, hibandwa ku mibanire myiza, turebera hamwe ibitanya abantu no kubyamagana, gusaba no gutanga imbabazi, kwihanganirana, kugendera mu kuri, kudaherwanwa n'agahinda n'ibindi bituma umuntu yifungirana muri we bityo ntabonere Imana n'abavandimwe be umwanya mu mutima we. Abana bashishikarijwe gutanga urugero rwiza mu bandi, barangwa n'indangagaciro za gikristu. Hakozwe kandi n'ibikorwa by'urukundo bitandukanye.



*Padiri KIMENYI NKAKA Jean de Dieu Ushinzwe amashuri Gatolika muri Diyosezi*

Mu guteza imbere uburezi buhamye, muri icyi cy'umweru cy'Uburezi Gatolika , mu mashuri Gatolika hakozwe isuzumabumenyi (concours) mu mashuri Gatolika, ikaba zaradufashije gukarishya ubwenge hagamijwe kuzamura ubumenyi n'imitsindire myiza y'abana bacu.

Muri make rero, iki Cyumweru cy'uburezi Gatolika cyadufashije kuzirikana:

♦ Ku butumwa bwa Kiliziya mu burezi, ubutumwa ikesha uwayihanze ugira ati: « Nimugende mwigishe amahanga yose,…" Mt 28, 18-20. Niyo mpamvu rero Kiliziya yihatira guteza imbere uburezi buhamye, uburezi bufata umuntu uko yakabaye bityo akarerwa kuri Roho no ku mubiri.

♦ Kubaka no gusigasira ubufatanye na Leta ndetse n'abandi bafatanyabikorwa mu burezi.

♦ Gukora ubuvugizi ku bintu bibangamiye uburezi: Guta ishuri, amakimbirane mu muryango, kwiga warangiza ukabura akazi n' ibindi."

Wondershare PDF Editor

# IJAMBO RY'UHAGARARIYE AKARERE KA MUHANGA MU BIRORI BYO GUSOZA ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA I KABGAYI

*Ibikurikira urup. 6*

Mu ijambo ry'intumwa y'Akarere ka Muhanga Bwana NTAGANZWA Joseph (Umwanditsi wa Njyanama y'Akarere ka MUHANGA) yatangiye ijambo rye agira ati "*Kiliziya Gatolika igira uruhare runini mu burezi bw'igihugu cyacu, byumwihariko amashuri ari mu Karere kacu ka Muhanga 95% by'amashuri abanza dufite ni aya Kiliziya Gatolika, naho mu mashuri yisumbuye 65% ni aya Kiliziya Gatolika. Bityo no mu mitsindishirize amashuri aza mu myanya ya mbere ni aya Kiliziya Gatolika. Turabashimira rero uruhare mugira mu burezi dufatanya kurerera igihugu cyacu. Uburezi ni bwo gishingiro ry'igihugu cyacu, tutabufite ntacyo twageraho."*

Yakomeje ijambo rye agaragaza zimwe mu mbogamizi zavuzwe zigaragara mu mashuri harimo: ubucucike mu mashuri, amakimbirane yo mu ngo, ibirangaza, n'ibindi ati "Ariko mu rwego rwo guhangana na byo, hariho politiki ku bufatanye na Minisiteri y'uburezi, harimo kugenda hongerwa ibyumba by'amashuri. Bityo ibyo bikazadufasha kugira ngo bwa bucucike bugabanuke umwana akiga yisanzuye, wa murezi na we bikamufasha kugira ngo za nshingazo ze zibashe kugerwaho.

Ku bijyanye n'amakimbirane yo mu ngo, yakomeje avuga ko ari byo koko agaragara, ariko hari gahunda Leta yashyizeho yo kuganiriza ingo, umugoroba w'ababyeyi. Ati "*Izo rero ni gahunda zifasha kugira ngo dukemure amakimbirane yo mu miryango.Ariko nk'uko insanaganyamatsaiko y'iki cyumweru ibivuga ngo "**Ishuri turigire igicumbi cy'urukundo n'imibanire myiza**",ni ukuvuga ko umurezi agomba kubigiramo uruhare mu kwereka wa mwana urukundo akamutoza imibanire myiza, wa mwana na we azagira ibyo ahindura mu rugo i wabo. Bityo kugira ngo tubashe guhangana nayo makimbirane, uruhare rwa buri wese rurakenewe: ababyeyi, abarezi ndetse n'abana."* Yashoje ijambo rye avuga ko n'ubwo hari byinshi bimaze kugerwaho, ariko urugondo rura-cyari rurerure kugira ngo ireme ry'uburezi rikomeze kujya mbere, harimo gukemura ibyo bibazo byo mu miryango, ikibazo cy'abana bata ishuri kandi buri wese agasabwa kugira uruhare rugaragara kugira ngo wa mwana agaruke mu ishuri, Icyorezo cy'abana b'abakobwa batwara inda zitateguwe, icyorezo k'ibiyobya bwenge, gushyira imbaraga mu myigishirize y'indimi no gushyira imbaraga mu myigishirize y'ikoranabuhanga kugira ngo bazabashe guhangana

## AMAGAMBO Y'ABAHAGARARIYE : ABANA, ABAREZI N'ABABYEYI

Mu ijambo ry'umwana uhagarariye abandi IRADUKUNDA Delphine (umunyeshuri kuri GS Ste Bernadette KAMONYI) yaragize ati "*Muri kino cyumweru cy'uburezi Gatolika twasanze twebwe nk'abanyeshuri tugomba gutanga umusanzu wacu wo kubaka ubumwe n'ubwiyunge by'ababanyarwanda duhereye aho turi ku ishuri, tukarangwa n'imigenzombonezabupfura cyane cyane kumenya guca bugufi tugasaba imbabazi uwo twahemukiye kandi tukitoza no gutanga imbabazi.*tukamenya kwimakaza Yezu mu mitima yacu kuko ari we soko y'ubumwe n'ubwiyunge nyakuri."

Mu ijambo ry'umurezi wavuze ahagarariye abandi MUKANTWARI Janvière(Umurezi kuri GS Kabgayi A) yerekanye zimwe mu mbogamizi abarezi bahura nazo, ati " *Dufite bamwe mu bana babuze urukundo bakiri bato cyangwa bafite ibikomere bitandukanye, imibanire mibi mu miryango imwe n'imwe, abana benshi ku murezi ku buryo atabona igihe gihagije cyo gutega amatwi buri mwana, ibirangaza byabaye byinshi ndetse rimwe na rimwe n'abantu bakuru bakabigiramo uruhare. Tukaba dusaba inzego bireba kudufasha gukemura ibyo bibazo."*

Mu ijambo ry'uhagarariye ababyeyi muri ibi birori Bwana NGWESHI Alexis wo muri Paruwasi ya Nyabinyenga yatangiye agira ati " *ababyeyi dufite ibyishimo by' uburezi bufite ireme kandi bufite uburere buhabwa abana bacu, tukaba dushimira Kiliziya Gatolika tubikuye ku mutima."* Akomeza avuga ati " *Nyiramaso yerekwa bike ibindi akirebera. Ibi byishimo rero ababyeyi dufite bitubere intambwe, bitubere urugero rwo gufatanya mu kurera abana bacu, kugira ngo bazagire ejo heza habereye umuryango , umuryango wiyunze koko."* Yakomeje ijambo rye asaba abarezi ko, ibyishimo ababyeyi bafite bibatere imbaraga zo kurera neza abana bashinzwe.

## IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUREZI MU GUSOZA ICYUMWERU GATOLIKA I KIGALI

Mu ijambo ry'umushyitsi mukuru Nyakubahwa Minisitiri w'uburezi Dr. Mutimura Eugène yaragize ati "Muri uyu mwaka w'ubwiyunge muri Kiliziya Gatolika, ku nsanganyamatsiko igira iti "Ishuri niribe igicumbi cy'urukundo n'imibanire myiza", nagira ngo mbizeze ubufatanye na Leta kandi mbashimire uruhare rwa Kiliziya Gatolika mu iterambere ry'igihugu cyacu cyane cyane mu myigire y'abana bacu. Kiliziya Gatolika ifite uruhare rugaragara mu gushyigikira uburezi, kuko ifite amashuri agera ku 1300 bingana 30% by'amashuri ya Leta. Ibyo bigaragaza uruhare Kiliziya Gatolika igira mu guteza imbere uburezi. Gahunda y'icyumweru cy'uburezi Gatolika, yatangiye hafi imyaka icumi ishize, bikaba byaragize uruhare rukomeye mu guteza imbere gahunda ya Leta y'u Rwanda, yo guteza imbere uburezi kuri bose, 9 year na 12 year basic education (uburezi bw'ibanze bw'imyaka icyenda na cumi n'ibiri), iyi gahunda ikaba yaratumye u Rwanda rugera ku ntego y'ikinyagihumbi.Tukaba rero dushimira uruhare rwa Kiliziya Gatolika n'abandi bafatanyabikorwa mu guteza uburezi imbere muri iki gikorwa. Nta washidikanya ko ubufatanye dusanzwe




***Minisitiri w'uburezi Dr. MUTIMURA Eugène***

**Komeza ku rup.** 8

wondershare™ PDF Editor

## IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUREZI MU GUSOZA ICYUMWERU GATOLIKA I KIGALI

*Ibikurikira urup. 7*

dufitanye na Kiliziya Gatolika, ari ingenzi kandi iki gikorwa kizakomeza kuba kugira ngo u Rwanda rugere ku ntego z'iterambere zirambye, cyane cyane intego zigamije guteza imbere ireme ry'uburezi mu gihugu cyacu." Ku bijyanye n'icyo Kiliziya Gatolika yasabye cyo kuvugurura ingengabihe y'amasomo abana ntibajye biga mu mpeshyi (icyi), Minisitiri w'Uburezi, Dr MUTIMURA Eugène, yashubije muri aya magambo "Gahunda yo kuvugurura ingengabihe y'umwaka w'amashuri yaratangiye, ndatekereza ko mu gihe gito tuzabahamagara tukagira icyo tubivugaho. Mu cyumweru gishize twamaze iminsi ibiri mu mwiherero i Nyamata kandi icyo ni kimwe mu byo twaganiriyeho n'abayobozi bakuru b'igihugu cyacu." Akaba yaranijeje Kiliziya Gatolika ko amasezerano y'imikoranire na Leta ari hafi gusinywa. Yashije ijambo rye asaba ko hakwiye gushyirwa imbaraga mu guteza imbere uburezi bushingiye ku kinyabupfura kugira ngo bube umusingi w'iterambere mu gihugu.

**Bernard UWAMAHORO**

## WARI UZI IKIGEGA CY'UBUREZI FoREC - DIOCESE KABGAYI?

Ishuri ryakureze, rikakurerera abana ntirikagwe urebera. Wari uzi ikigega FoREC? Twisanire amashuri Gatolika yo kwandagara yaraduhetse?

**Shyira inkunga yawe kuri konti iri muri Banki y'Abaturage y'U Rwanda: 441-3795853-11**

### IFATABUGUZI RY'AKANYAMAKURU KAWE « MWIGISHA »

*Uzuza uru rupapuro maze urukate, cyangwa wandike ku rundi, urutwohererereze hamwe n'amafaranga y'ifatabuguzi kuri adresi iri hasi.*

Amazina y'ufata ifatabuguzi *(ishuri/paruwasi/santarali/umuntu ku giti cye)*: ______________________

Santarali : ______________ Paruwasi : ______________ Diyosezi : ______________

B.P. : ______________ E-mail : ______________

*Niba ushaka ifatabuguzi ry'abantu benshi (abarimu b'ishuri ryawe/abakateshiste/abandi),shaka urundi rupapuro urwandikeho lisiti yabo, urwomeke kuri uru.*

*Dore uburyo wanyuramo kugira ngo wishyure ifatabuguzi :*

- Kwizanira amafaranga i Kabgayi ku biro bya Diyosezi bishinzwe amashuri Gatolika n'Imyigishirize y'Iyobokamana ;
- Kuyanyuza kuri Paruwasi yawe (ukareba Padiri ushinzwe amashuri cyangwa Padiri Mukuru);
- Kuyanyuza kuri konti N° **0217/ 0119702 / 001 / 5101 / 000** iri muri GT BANK-MUHANGA, ukandikaho ibi bikurikira : ***Abonnement « Mwigisha ».*** Warangiza ukatwohererereza bordereau de versement ya GT BANK. Ushobora kandi kuyashyira kuri konti **N° 03010729** iri muri RIM s.a, ishami rya Kabgayi.

***Icyitonderwa***: Reba ibiciro by'ifatabuguzi ku mpera z'iyi paji . Urahasanga kandi na adresi yacu.

***GURA, WISOMERE « MWIGISHA ». MAZE UJIJUKIRWE N'UKWEMERA KWAWE. KURIKIRANA AMAKURU YA KILIZIYA N'AY'UBUREZI***

### IFATABUGUZI KU MWAKA

*Mu Rwanda*
- Courrier Mission: 1000 RWF
- Mu Iposta: 2500 RWF

*Mu mahanga:*
- Afrika: 10 USD
- Uburayi: 10 EUR
- Ahasigaye: 15 USD

Muyobozi w'ishuri, gurira abarezi bawe «Mwigisha»!

*******

Padiri Mukuru, nawe Muyobozi wa Santarari, mwibuke ifatabuguzi ry'Abakateshisti banyu!

### ADERESI YACU

**MWIGISHA**
**Représentation Diocésaine de l'Enseignement Catholique & Inspection Confessionnelle/ Bureau Diocésain de Catéchèse (BDC) -** DIOCESE DE KABGAYI
B.P. 66 GITARAMA/Rwanda
Tél: 0788221381 / 0729221381
0788763226 / 0722763226
E-mail:
redensecathobgayi@gmail.com;
E-mail:kimjeud@yahoo.fr



| AKANAMA K'UBWANDITSI | |
|---|---|
| Padiri KIMENYI NKAKA Jean de Dieu | Umuyobozi |
| Padiri Fidèle MUTABAZI | Umuyobozi wungirije. |
| Claudien KARANGWA | Umunyamabanga, umwaditsi |
| Alexis NDAMYUMUGABE | Umwanditsi n'umujyanama |
| Bernard UWAMAHORO | Umwanditsi, Gushyingura inyandiko, Ifatabuguzi |
| Diogène NDAGIJIMANA | Umwanditsi n'umujyanama |
| Emmanuel MURENZI | Umwanditsi n'umujyanama |



***"... ntimugatume babita 'Mwigisha', kuko Umwigisha wanyu ari umwe gusa..." (Mt 23,8)***

wondershare™ PDF Editor